ITANGAZO RYO KUGURISHA MU CYAMUNARA MOTO 16 ZA SUZUKI TF 125 Z'UMUSHINGA SAIP UKORERA MU KIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE ITERAMBERE RY'UBUHINZI N'UBWOROZI - RAB (IMINSI 6X2)

Ubuyobozi bw'Imishinga iterwa inkunga na Banki y'Isi na KOICA ibarizwa mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB), buramenyesha abantu bose bashaka kandi bafite ubushobozi bwo kugura, ko hari cyamunara yo kugurisha moto cumi n'esheshatu (16) za **SUZUKI TF 125**. Cyamunara izakurikiza amabwiriza akurikira:

1. Gusura ibinyabiziga (moto) bizakorwa buri munsi uhereye kuwa gatanu tariki 08/04/2022 kugeza kuwa kane tariki ya 21/04/2022.

2. Gusura bizakorwa gusa mu masaha y'akazi kuva saa mbiri (8h00) za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe (17h00) za nimugoroba, bikabera mu Karere ka Gasabo, Umurenge wa Kacyiru, Akagali ka Kamatamu, Umudugudu w'Itetero mu mazu y'aho MINAGRI yahoze ikorera akurikiranye n'ahahoze hitwa TERRACOM HOUSE ubu hitwa RISA, iruhande rwa Kiliziya y'Abadominikani aho imishinga SAIP-SAPMP ikorera.

3. Moto zizagurishwa muri cyamunara zinjiye zishyuye imisoro. Uzagura moto nta misoro azishyura.

4. Igiciro cya buri Loti (buri moto) kizatangwa mu ibahasha ifunze neza, aho bakirira amabaruwa ku biro bya SAIP –SAPMP bitarenze kuwa gatanu tariki ya 22/4/2022 saa tatu n'igice (9H30) za mu gitondo, utanze ibahasha agasinya ko ayitanze mu gitabo cyabugenewe.

5. Gufungura amabaruwa mu ruhame bizakorwa ku wa gatanu tariki ya 22/4/2022 saa yine (10h00) zuzuye za mugitondo mu cyumba cy'inama kandi bizitabirwa gusa n'abatanze amabahasha.

6. Ushaka kugura moto, ku ibahasha azandikaho: KUGURA MU CYAMUNARA MOTO ya SAIP LOTI N^{0}….(wuzuzeho Loti wifuza kugura). Igiciro cya buri Loti kigomba gushyirwa mu ibahasha yihariye kandi kurupapuro rw'igiciro ukuzuzaho izina ryawe, numero y'indangamuntu yawe na Loti upiganiye.

7. Uwatanze ibahasha irimo igiciro azitwaza sheki izigamiye (Cheque Certifié/ Certified Cheque) yanditswe mu mazina ya RWANDA REVENUE AUTHORITY kuri buri Loti ingana n'agaciro yashyize mu ibahasha, ikazashyikirizwa umukozi wa RRA uzaba uhari mbere yo gufungura amabahasha. Uzatsindwa azasubizwa sheki ye, naho uzatsinda sheki ye izishyurwa kuri konti ya RWANDA REVENUE AUTHORITY yabugenewe, kandi bikazakorwa n'umukozi wa RRA wabiherewe ububasha, uwaguze akazahabwa urupapuro rwa banki rwerekana ko kwishyura byakozwe (Bordereau).

RRA
VISA
Finance Unit
Date: 08/4/2022
Signature:

RAB
SINGLE PROJECT IMPLEMENTATION UNIT
WORLD BANK & KOICA PROJECTS

8. Uwatsindiye ikinyabiziga azasinya amasezerano y'ubugure na RAB, ari nayo izamworohereza kujya guhinduza ikinyabiziga mu mazina ye no gushaka pulaki yacyo anyuze muri MININFRA na RRA.

9. Uwatsindiye ikinyabiziga agomba kuba yamaze kugitwara bitarenze iminsi itatu akimara kwishyura amafaranga yose, bitaba ibyo akazishyura amafaranga y'amande y'ubukererwe angana na 1.5% y'amafaranga yatsindiyeho ikinyabiziga kuri buri munsi w'ubukererwe kuri konti ya RRA yabugenewe.

10. Ku bindi bisobanuro wahamagara telefoni zikurikira: 0788500217cyangwa 0788536390.

Bikorewe i Kigali kuwa 05/04/2022

Stephen RWAMULANGWA

Umuhuzabikorwa w'Imishinga

Iterwa Inkunga na Banki y'Isi na KOICA

RAB
SINGLE PROJECT IMPLEMENTATION UNIT
WORLD BANK & KOICA PROJECTS

RBA
VISA
Finance Unit
Date: 06/4/2022
Signature: